“Yesu Kristo ntahinduka, uko yari ejo ni ko ari none kandi ni ko azahora iteka ryose” (Abaheb. 13:8)

Urwandiko ruzenguruka 10/2017

Ndasuhuza mbikuye ku mutima abizera b’ukuri bihuje na Bibilia bose bo mu bihugu byose n’indimi zose, mu Izina ryera kandi ry’agaciro ry’Umwami wacu Yesu Kristo, nkoresheje amagambo yo muri 1Tim. 6:13-15.

“*Ndakwihanangiriza … witondere itegeko, ntugire ikizinga habe n’umugayo, kugeza ku kuboneka kw’Umwami wacu Yesu Kristo kuzerekanwa mu gihe cyako n’Iyo ifit’ubutware yonyine ihiriwe, sri yo Mwami w’abami n’Umutware utwara abatware*”.

Uyu n’umwe mu mirongo ya ngombwa cyane ku bijyanye n’ubukozi bwatanzwe n’Imana mbere yo kugaruka kwa Kristo. Ni ugusohozwa kw’umurimo w’Imana, ugomba gusohozwa ku buryo buzira ikizinga cyangwa umugayo kugeza ubwo Umwami wacu azazira.

Nta muhamagaro utagira umurimo nta n’umurimo utagira umuhamagaro. Ese birashoboka ko umuntu yakora umurimo w’Imana? Yee, birashoboka umuntu abifashijwemo n’Imana. Noa yanditsweho ko yakoze byose nk’uko Imana yabimutegetse (Itang.6:22). Mose na Aroni nabo, bakoze rwose ibyo bategetswe n’Imana (Ibyak. 7:6, 10, 20..). Eliya ni we washoboye kuvuga ati: “*Uwiteka Mana ya Aburahamu, Isaka na Isirayeri, bimenyekane uyu munsi ko uri Imana muri Isirayeri, ko ndi umugaragu wawe, kandi ko nakoze ibi byose nshingiye ku ijambo ryawe*!” (1Abami 18:36).

Yohana Mubatiza na we yashoboraga gushingira kuri Yesaya 40:3 ku bijyanye n’ubukozi bwe: “*Jyewe nd’ijwi rirangurura mu butayu: nimutegure inzira z’Uwiteka nk’uko umuhanuzi Yesaya yabivuze*” (Yoh.1:23). Umwami na we ubwe yamuvuzeho ati: “*Ni we wanditsweho* (Maraki 3:1) *ngo: Dore nohereje intumwa yajye imbere yawe, kugira ngo agutegurire inzira imbere yawe*”.

Iyo Umwami ubwe atanze imirimo idasanzwe ishamikiye ku mugambi w’agakiza, na none atanga Ubuntu n’imbaraga byo kugira ngo iyo mirimo ikorwe nk’uko yatanzwe.

Pawuro yarahamije ati: “*Ni yo mpamvu… ntanze kumvira umuhamagaro n’ibyo neretswe bivuye mu ijuru… Ariko ku bwo gutabarwa kwavuye ku Mana, na n’ubu ndacyariho, mpamiriz’aboroheje n’abakomeye. Icyakora ntacyo mvuga keretse ibyo abahanuzi na Mose bavuze ko bizaba*…” (Ibyak. 26:19+26).

Iyo mvugo “… *ntacyo mvuga keretse*…” ni iya mgombwa cyane, kuko uhereye ku murongo wa mbere wo mu Isezerano Rishya, byose ni ugusohora kw’ubuhanuzi bwose n’amasezerano yo mu Isezerano rya Cyera. Umwami wacu yongeye kubihamiriza amaze kuzuka ati: “*Ibi ni byo nababwiraga nkiri kumwe namwe, ko ibyanyanditsweho byose mu mategeko ya Mose, mu bahanuzi no muri Zaburi byagombaga gusohora*” (Luka 24:44).

Ibyahanuwe ko bigomba kuba mu gihe kibanziriza kugaruka kwa Kristo, bigomba gusohora mur’iki gihe cyacu, harimo n’isezerano Imana yatanze muri Maraki 3:23-24: “*Dore nzabohereereza umuhanuzi Eliya…*”. Muri Matayo 17:11 no muri Mariko 9:12, igihe Umwami wacu yahamirizaga iri sezerano, ubukozi bwa Yohana-Mubatiza bwari bwararangiye, nyamara abivuga nk’ibigomba kuzasohora: “*Arabasubiza ati: ni koko Eliya agomba kubanza kuza agatunganya byose*”. Ibyo byasohoreye mu bukozi

bwa mwenedata Branham. Yazaniye ubwoko bw'Imana ubutumwa butunganye rwose kandi bushingiye kuri Bibilia gusa, nk'uko byavugiwe mu gicu ndengakamere cyabonetse tariki 11/6/1933. Yasohoje na none itegeko yahawe n'Umwami tariki 7/5/1946 ryo kubwiriza amahanga ubutumwa, biherekejwe n'impano yo gusengera abarwayi yahawe n'Imana.

Nanjye, nasohoje ibyo Umwami yantegetse ubwo yampamagarirag'umurimo We, tariki 2/4/1962. Nabwirij'Ijambo ry'Imana (2Tim.4:1-5) kandi nakwirakwije ibyokurya by'umwuka (Mat.25:45-47), nk'uko nabitegetswe. Mu Bakorinto ba mbere 4:1-2, intumwa Pawuro yanditse ku by'umuhamagaro we ati: "*Nuko rero, nibaturebe nk'abagaragu ba Kristo, n'ibisonga byo kugabura iby'ubwiru bw'Imana. Ubundi icyo ibisonga bisabwa, ni uko buri umwe asangwa ari umwiringirwa*".

Ubu ni cyo gihe kibanziriza kugaruka kwa Kristo, ubwo Ijambo rishishuye ryose kandi ritunganye, umugambi wose w'Imana urimo kubwirizwa.

Mu Befeso 5, Pawuro yatanze amabwiriza ku by'ubuzima busanzwe bw'abacunguwe, yerekana n'ingaruka z'umurimo wo gucungura Kristo yakoze mu bizera bemera buri nyigisho y'Ijambo ry'Imana mu buryo bukurikira: "… *kugira ngo aryeze, amaze kuryogesha amazi y'Ijambo rye*" (Abef.5:26). Kuhagirwa wese mu Ijambo ry'Imana, ku buryo nta kizinga cyangwa umugayo bisigara, na byo ni ngombwa kimwe no kugirirwa imbabazi, kwungwa n'Imana no gutsindishirizwa n'amaraso ya Kristo (Abaroma 5:9). Ubukozi bwa nyuma bugomba kuba bukubiyemo ivugabutumwa, inyigisho n'Ijambo ry'ubuhanuzi. Bugomba kuba buzira ikizinga inbere y'Imana kugira ngo Umwami ashobore gusohoza rya Jambo ngo: "*kugira ngo azishyire imbere Ye iryo Torero ryambay'ubwiza, ritariho ikizinga, cyangwa umupfunyo cyangwa ikindi cyose gisa nabyo, ahubwo ar'iryejejwe ritunganye rwose*" (Abefeso 5:27). Ni koko, ingaruka y'Ubutumwa-jambo bwa nyuma izaba uguhindurwa kw'Itorero-Mugeni, ribe Umugeni-Jambo utunganye rwose nta kizinga na kimwe kimurangwaho.

Ikibanza ni uguhamagarwa kw'abizera kugira ngo basohoke mu rujijo rwose rwa kidini. Iri ni itegeko ry'Umwami: "…*Nuko muve hagati yabo mwitandukanye, ni ko Uwiteka avuga, kandi ntimukore ku kintu cyose gihumanye*…" 2Abakor. 6:14-18). Igikurikira ni ukwezwa n'Ijambo ry'Ukuri (Yoh.17:17), iryo Umwami wacu yasengeye: "*Ubejeshe ukuri kwawe: Ijambo ryawe niryo kuri*". Itegeko ririho ubu ni uko abizera by'ukuri bagomba kwitegurira kuzamurwa, Kristo nagaruka, "*ukuzerekanwa mu gihe cyako n'Ifit'ubutware Yonyine ihiriwe*…" (1Tim.6:15). Igihe kiri bugufi!

"… *kugira ngo mukomez'imitima yanyu itariho umugayo, yejejwe rwose imbere y'Imana Data, ubwo umwami wacu Yesu Kristo azaza ari kumwe n'abera be!*" (`Abates.3:13).

Pawuro yaranditse ati: "*Ku bwacu, bakundwa b'Umwami, duhora tubashimir'Imana ubutitsa, kuko Imana yabatoranirije agakiza uhereye mbere na mbere, ku bwo kwezwa kw'Umwuka no kwizera ukuri*" (2Abates.2:13). Amina.

Mu kibwirizwa mwenedata Branham yabwirije tariki 25/11/1965, yaravuze ati: "Muri umugeni utunganye, w'ingeso nziza kandi w'umuzira nenge w'Umwana w'Imana Nzima. Umugabo wese n'umugore wese babyawe n'Umwuka w'Imana, bogejwe n'amaraso ya Yesu Kristo kandi bizera buri Jambo ry'Imana, bahagaze aho, nk'abatarigeze bakor'icyaha na rimwe. Mwaratunganijwe rwose ku bw'amaraso ya Yesu Kristo".

Ugira icyo yongeraho cyangwa akuraho

Mu giterane mpuzamahanga cyabereye i Buruseri tariki 11/6/2017, twibutse umurimo Imana yahaye mwenedata Branham, tariki 11/6/1933.

Tariki 12/6/2017 na yo yanyibukije ikiganiro nagiranye na mwenedata Branham tariki 12/6/1958, i Dalasi muri Tegizasi. Turangije kuvugana, yarambwiye ati: “Mwenedata Frank, uzasubira mu Budage ujyanye yo ubu butumwa”.

Tumaze kuvugana i Dalasi, mwenedata Branham agitangira ikibwiriza yise “Turashaka kureba Yesu”, yaravuze ati: “mu kanya gato gashize, umugabo uvuye mu Budage yampobeye. Aho, twahagize amayeraniro aho abantu bageze ku bihumbi cumi biyeguriraga Umwami buri mugoroba, bose hamwe bar’ibihumbi mirongo itanu”. Akibwiriza, yarongeye agaruka ku mucyo ndengakamere wafashwe amashusho ahantu henshi, maze aravuga ati: “hano hari umugabo wo mu Budage, war’uhari ubwo icyuma gifotora cy’abadage cyafotoye uwo mucyo inshuro eshatu”. Ifoto y’abakozi b’Imana iriho umucyo hejuru ya mwenedata Branham ishobora kubonwa kuri interineti. Ni koko, nabaye umuhamya wiboneye kandi wiyumviye ubukozi budasanzwe bwa mwenedata Branham.

Kubera ko bagoretse bikabije amagambo y’umurimo watanzwe tariki 11/6/1933, ndifuza na none gusubiramo hano amagambo nk’uko yavuzwe, mvuge n’uko yaje kugorekwa hanyuma, kugira ngo namwe mwirebere.

Amagambo y’umwimerere ngaya: “Nk’uko Yohana-Mubatiza yoherejwe nk’integuza yo kuza kwa mbere kwa Kristo, uko ni ko ubutumwa wahawe buzabanziriza ukuza kwa kabiri kwa Kristo”.

Mwenedata Branham yasubiyemo inshuro 55 amagambo yabwiwe n'ijwi ryavugiye mu gicu ndengakamere, kandi kugira ngo intore zose zibifate zikomeje kandi zibyizere, yarabishimangiye tariki 10/2/1960, n'ibindi bihe, ati: "Ntabwo ari jye uzaba integuza, ahubwo ubutumwa ni bwo buzaba integuza".

Ikibabaje, har'imvugo ihinnye yahereyeko ikwirakwizwa nyuma gato akimara gutaha, igira iti: "nk'uko Yohana Mubatiza yoherejwe nt'integuza yo kuza kwa mbere kwa Kristo, uko ni ko nawe utumwe nk'integuza yo kuza kwa kabiri kwa Kristo". Ijambo nyamukuru "ubutumwa" ntabwo riri mur'iyi mvugo. Tugomba kubisubiramo na none dukomeje ko nta muntu n'umwe ufite uburenganzira bwo guhindura ibikubiye mu magambo y'umurimo.

Tariki 7/5/1946, intumwa ivuye mu ijuru yaramubwiye iti: "Witinya. Nkoherejweho mvuye imbere y'Imana kugira ngo nkubwire ko impamvu y'ivuka ryawe n'ubuzima bwawe bidasanzwe, kwar'ukugira ngo byerekane ko uzahabwa impano yo gusengera abarwayi bo mu mahanga yo ku isi". Ibyo bitwibutsa Luka 1:19, aho marayika yabwiye Zakariya ibyo kuvuka n'ubukozi bwa Yohana Mubatiza ati: "Ndi Gaburiyeri, mpagarara imbere y'Imana, noherejwe kuvugana nawe no kukumenyesha iyi nkuru nziza…"

Ubukozi bwombi bwa mwenedata Branham bugomba gushirwa muri gahunda y'Imana bishingiye kuri Bibiliya: icya mbere, bwari bushamikiweho n'ubutumwa bwagombaga kubanziriza kuza kwa kabiri kwa Kristo; icya kabiri bwari bujyanye n'umurimo w'ivugabutumwa. Uwo mugabo watumwe n'Imana yasohoje neza iyo mirimo yombi. Kuko yari yarahawe ububasha n'Imana n'impano yo gusenger'abarwayi mwenedata Branham yazengurutse impande z'isi abwiriz'ubutumwa bwiza mu bihugu binyuranye. Mu materaniro ye abantu baheragako bakira nk'uko byari bimeze mu bukozi bw'Umucunguzi wacu: impumyi zarahumukaga, ibimuga bikagenda, ibipfamatwi bikumva. Uko ni ko muri 1946, ubwo ububyutse bwo gukiz'abarwayi bwatangiraga, mbere yo gusenger'abarwayi yakunze kugaruka ku magambo Umwami wacu yavuze muri Yohana 5:19: "…*Ntacyo Umwana ashobora gukora ku bwe, ahubwo icyo abonye Data akora na we ni cyo akora*…". Na we yabanzaga kwerekwa icyo Imana yabaga igiye gukora, maze agashobora kukibwira uwo ari we wese wabaga ari mu murongo w'abaje gusengerwa, maze akabishimangira avuga ati "uku ni ko Uwiteka avuze". Ibyo narabyiboneye ubwanjye mu materaniro ye.

Uhereye ku itangiriro, Imana ni yo yanyoboye kugira ngo nshobore gushyira buri kintu mu mwanya wacyo ku bijyanye n'Umugambi w'Imana. Ntakuka yanjye yakomeje kuba Ijambo ry'Imana ryanditswe uhereye ku itangiriro no kugeza iteka ryose. Umwami ubwe yantegetse kubwiriza Ijambo nk'uko ryanditswe. Ubutumwa na bwo, bugomba kuba ibibwirizwa bya Bibilia bizira ikosa na rimwe cyangwa umugayo.

Tariki 28/11/1063, mwenedata Branham yaravuz'ati: "ntabwo mukwiye kuzigera mureka Ijambo. Mugomba guhora muhuje igihe cyose n'Ijambo, nk'uko ryanditse. Ntimukagire insobanuro bwite n'imwe mwongeraho. Mujye muvuga gusa nk'uko byanditswe. Ni Ijamba ry'Imana, ni Imana ubwayo. Imana n'Ijambo ryayo ni kimwe, ni ikintu kimwe rwose".

Tariki 19/9/1965, yongeye kubitsindagira mu kibwirizwa cye ati: "ntacyo mukwiye kwemera, keretse cyanditswe mu Ijambo ry'Imana. Mugomba rwose guhora muhuje n'Ijambo ry'Imana".

Ikibabaje ni uko ku ruhande rwo kubwiriza Ijambo ry'Imana kwakomeje nk'uko Imana yabitegetse, hahereyeko haduka insobanuro z'abantu bwite zinyuranye. Benedata bishingikirije ku magambo amwe

n'amwe ya mwenedata Branham, bashoboye kweneza insobanuro zabo nk'aho ari ukuri; bikururira abigishwa inyuma yabo (Ibyakozwe 20:30). Basobanuwe amagambo amwe n'amwe yavuzwe n'umuhanuzi uko bishakiye, maze bayabyaza inyigisho. Uko ni ko amatsinda mashya yakomeje kuvuka ubutitsa. Nta na rimwe nigeze nemera kujya mu mpaka zishingiye ku magambo yavuzwe na mwenedata Branham kuko ntacyo bitanga uretse guca ibice (Abaroma 16:17).

Amarorerwa ntabwo ari mu byo mwenedata Branham yavuze (bishobora kuba bigoye isobanura), ahubwo ari mu byo benedata bayakoresha (2Pet.3:16). Hari nk'icyo mwenedata Branham yavuze mu kibwirizwa yise "Izamrwa" cyasobanuwe nabi, baherako bahamya ko Umwami yaba yaratangiye kumanuka hamwe n'ijwe Rye riranguruye. Ijwi rikangura ryo muri 1Abates.4, rivuga ibyo kuzuka kw'abapfiriye muri Kristo, ntabwo rivuga abakiriho. Ubwo Umwami azagaruka, byose bizaba nk'uko byahanuwe mu gice cya 4, uhereye ku murongo wa 13 ukageza 18: "K*uko umwami ubwe azaza amanutse ava mu ijuru aranguruye ijwi rirenga, hamwe n'ijwi rya marayika ukomeye n'impanda y'Imana, nuko abapfiriye muri Kristo nibo bazambanza kuzuka. Maze natwe abazaba bakiriho basigaye, duhere ko tujyanwe hamwe na bo, tuzamurwe mu bicu gusanganira Umwami mu kirere*…" (imirongo 16-17). Reba na none 1Abakor.15:45-58.

Ijwi ry'ububyutse ryumvikana ubu ribwir'abakiri bazima; iryo ni iryo muri Matayo 25: "*Dore Umukwe araje, mujye kumusanganira*!" Abari bose bumva uko guhamagara bakajya gusanganir'Umukwe.

Muri Matayo 13, tuhasanga umugani w'umubibyi wabibye imbuto nziza mu murima we. Umucunguzi wacu yavuze mu mugani ati: "*ariko ubwo abantu bari basinziriye, umwanzi we yaraje abiba urukungu mu ngano, maze aragenda*" (Mat.13:25). Abwira abigishwa be, yabasobanuriye umugani mu buryo bukurikira: "*ubiba imbuto nziza, ni Umwana w'umuntu; umurima, n'isi; imbuto nziza, ni abana b'ubwami; urukungu, ni abana b'umubi*";

Uko ni ko byabaye rwose mu gihe cyacu: habanje Ijambo ry'Imana ryabibwe nk'imbuto nziza. Icyakurikiyeho, ni uko umwanzi yashoboye kubiba imbuto ye y'insobanuro z'abantu mu ngano. Ibyo byabaye ari uko abari barushye, bagasinzira mu buryo bw'umwuka. Nyamara, ingano iguma ari ingano, urukungu na rwo rukaguma ar'urukungu. Amateka y'ibuto ebyiri yatangiriye kuri Kayini na Abeli: umwe arangana, undi akangwa. "*ariko uwanga mwene se aba ari mu mwijima, agendera mu mwijima, ntaba azi iyo ajya kuko umwijima wamuhumye amaso*" (1Yoh.2:11). Dushobora kubivuga: udafite Kayini nka mwene se, ntashobora kuba Aberi.

Ku bijyanye n'ibyo, iyi mpuguro ni iya ngombwa cyane: " *iyo umuntu yumvise ijambo ry'ubwami ntarisobanukirwe, umubi araza akavana mu mutima icyawubibwe mo*…" (Mat.13:19). Ni ngombwa rero cyane ko twizera kandi dusobanukirwa buri Jambo, iyo bitabay'ibyo, umwanzi araza akarivanamo maze akabiba insobanuro ze. Umwami yabajije abigishwa be ati: "es*e mwasobanukiwe ibyo byose? – baramusubiza bati yego*" (Mat.13:51).

Ninde ushobora gusubiza avugish'ukuri ati "yego"? Ninde wasobanukiwe neza ibyabwirijwe byose bishingiye ku Ijambo ry'Imana n'ubukozi Imana yohereje? Ese ninde Umwami yavuga uyu munsi ko amaso ye n'amatwi ye byahiriwe? Biragaragara ko abari bose bari bategereje ukuza kw'Umukwe basinziriye. Nubwo bose baje gukanguka, nyamara ab'abanyabwenge bonyine nibo basinziranye imbuto y'Ijambo ry'Imana muri bo, banakangukana imbuto y'Ijambo ry'imana basanzwe biteguye, bashobora kwinjira mu cyumba cy'ubukwe, kuko bari bafite amavuta mu mperezo zabo, bibashoboza kuvoma mu

mwuzuro w'Umwuka. Abapfapfa bemeye kurogwa n'umwanzi akoresheje insobanuro z'abantu (2Abakor.11:3-4) bazisanga inyuma y'umuryango ukinze, bazakomanga begukingurirwa (Mat.25:11-13).

Ku bijyanye no kuza kwe, Umwami araduhugurira rwose kuba maso: "Mube maso, kuko mutazi umunsi Umwami wanyu azazira" (Mat.24:42).

"Ntbwo Umwami atinda gusohoza isezerano, nk'uko bamwe babyibwira; ahubwo aratwihanganira, ashaka ko hatagira urimbuka, ko ahubwo bose bagera ku kwihana" (2Pet.3:9).

Ibi byanditwe biranyomoza rwose inyigisho zivuga ko igihe cy'ubuntu cyaba cyararangiye kandi ko amaraso atakiri ku ntebe y'imbabazi. Turacyari mu gihe cy'ubuntu, Umwami aracyahamagarirakwihana no gusohoka mu rujijo rwose rwa kidini. Ku bw'ubuntu bw'Imana, turacyari mu munsi w'agakiza (2Abakor.6:2). Abigisha b'ibinyoma bakwirakwiza insobanuro zabo bwite ku byo mwenedata Branham yabwirije, ntabandi bazabitaho uretse abari b'abapfapfa bonyine. Ka nongenre mbisubiremo mbitsindagira: ibyavuzwe, mubireke nk'uko byavuzwe! Ntimugire icyo mwongera ku Ijambo ry'Imana!

Ayobowe n'Umwuka w'Imana, mwenedata Branham yazanye umucyo ku bwiru bwose bwari buhishwe. Ubukozi bwe budasanzwe kandi butangaje dushimir'Imana, bwararangiye. Yahishuriwe byose ku bijyanye n'umugambi w'agakiza k'Imana: iby'ubumana, umubatizo, ifunguro ryera, ibyabaye mu ngobyi ya Edeni ku byerekeye n'icyaha cy'inkomoko; yahawe uguhishurirwa kwose, kimwe n'ukw'ibimenyetso birindwi.

Ibyo mwenedata Branham yeretswe mu mbaraga nyinshi kandi bitangaje tariki 28/02/1963, ubwo cya gicu ndenga kamere cyagaraga, maze inkuba igakubita inshuro ndwi, bigaherekezwa n'umutingito w'isi washenguy' akarere kwose kazengurutse umusozi witwa "Sun Set", byari kuri we iby'ingira kamaro gakomeye cyane ku bijyanye no kumenwa kw'ibimenyetso birindwi. Ni yo mpamvu yakunze kugaruka ku guhinda kw'izo nkuba ndwi. Naho uguhinda kw'inkuba kuri mu Byahishuwe 10:3 kwo, kuzumvikanisha ijwi ryako ubwo Umwami azamanuk'avuye mu ijuru nka Marayika w'Isezerano, agoswe n'umukororombya.

Nta kintu na kimwe kijri mu bimenyetso cyasohoye koko mu gihe mwenedata Branham yabibwirizagaho mu kwezi kwa gatatu 1963., nta n'ubwo amaraso y'Isezerano Rishya yigeze avanwa ku ntebe y'imbabazi iri ahera h'ahera. Icyo mwenedata Branham yakoze, kwar'ugusubira mu byo intumwa Yohana yabonye ari ku kirwa cya Patimo akabyandika, maze abwiriza ibyo yabihishuriweho.

Uko ni ko yashoboye, ashingiye kuri bibilia, kwerekana no kwigisha abihuza n'iby'Itorero, ko abagendera ku ma farashi ane anyuranye bavugwa mu bimenyetso bine bya mbere, ari umwuka wa antikristo mu ntambwe enye zo guhishrwa kwawo.

Mu kimenyetso cya gatanu, yerekanye ko abahavugwa ari abayuda bishwe basaba guhorerwa. Ku bijyanye n'ibyo, mwenedata Branham yanavuze izina rya Adolf Eichmann, wari ku isonga ry'ubwicanyi bwahitanye miriyoni 6 z'abayuda b'inzirakarengane.

Umuhanuzi na none yigishije neza iby'ikimenyetso cya gatandatu (Ibyah.6:12-17), ni ukuvuga igihe cy'imibabaro ikomeye, kuko giherako gikurikirwa n'umunsi w'Uwiteka, ubwo izuba rizijima, ukwezi kugahinduk'amaraso (Yow.2:31; Ibyak.2:20).

Mu Byahishuwe 7:1-8, niho havugwa abayuda 144,000 bo mu moko 12 y'Isirayeri bazashyirwaho ikimenyetso. Uhereye ku murongo wa 9 kugeza ku wa 17, herekanwa abantu benshi cyane bakomoka

mu moko yose n'indimi zose, bavuye mu kubabazwa gukomeye kandi bogeje imyenda yabo mu maraso y'Umwana w'intama.

Ikimenyetso cya karindwi gitangajwe, mu gice cya 8, abamarayika barindwi b'urubanza bahawe impanda ndwi, bagaragara bahagaze imbere y'intebe y'ubwami y'Imana, kugira ngo batangaze ibyago by'ibihano bigeye kuza ku isi. Mu gice cya 8 n'icya 9, tubona ibiba kubera impanda 6 zazanye ibihano ku isi. Mu gice cya 10, Marayika w'Isezerano arahira atangaza ibizaba igihe marayika wa karindwi azavuza impanda ye: "… ubwiru bw'Imana buzasohora…".

Itangazo ryakozwe mu gice cya 10:7 risohorera mu gice cya 11:15, ubwo ubwami bw'imyaka igihumbi buzatangira: "Nuko marayika wa karindwi avuza impanda ye, maze humvikana mu ijuru amajwi avuga cyane ati: ubwami bw'isi bweguriwe Umwami wacu na Kristo we; kandi azima iteka ryose".

Umusaruro w'ubutumwa bwa nyuma

"kuko mbafitiye ifuhe ryo mu buryo bw'Imana, kuko nabarambagirije umukwe umwe, kugira ngo nzabamurikire Kristo nk'umwali utunganye. Nyamara, nkuko inzoka yashukashutse Eva ku bw'uburiganya bwayo, ndatinya ko intekerezo zanyu zayobywa mukareka gutungana kwanyu no kubonera kwa Kristo" (2Abakor.11:2-3).

Mu by'ukuri biratangaje kuba Pawuro, mu gushaka kumurikira Kristo umwali utunganye, yatekereza ku gushukashukwa kwa Eva.

Mwenedata Branham yabonye Itorero mu iyereka abona n'Umugeni. Yabonye ko Itorero ryari riyobowe n'umupfumukazi kandi ko ryari riri mu rujijo rwa kidini. Yabonye na none Umugeni atakigendera ku ntambwe imwe n'Ijambo; ariko hanyuma yo gukosorwa, agarurwa ku ntambwe imwe n'Ijambo ry'Imana. Ibyo ni byo birimo gusohora ubu ku isi yose, binyuze mu nzira yo kwezwa turimo gucamo, nk'abuhagiwe rwose mu mazi y'Ijambo ry'Imana. Ubutumwa-Jambo nyakuri ntabwo buzasubira ku Mana ubusa, ahubwo buzasohoza mu Itorero-Mugeni ibyo Uwaritumye ashaka.

Abali b'abapfapfa batinda mu mwuka ku ntumwa yatweretse twese inzira, mu gihe abanyabwenge bo bakomeza inzira hamwe n'Umucunguzi, kugeza ubwo bazatungana rwose. Abanyabwenge bashimira kandi bakanezezwa n'uko Umwami Nyir'ukwiringirwa yavuganye n'umugaragu We wiringirwa inshuro nyinshi mu ijwi ryumvikana (Mat.24:45-47), akamuha amabwiriza mu buryo butaziguye. Abapfapfa bashidikanya ku murimo; kimwe na Eva, barashukashutswe bagwa mu cyaha cyo kutizera. Barabiseka bagasuzugura Imana, bigatuma bahusha umurimo Imana irimo gukora ubu (Ibyakozwe 13:41). Abapfapfa bizera ko umuhanuzi azagaruka, n'ubundi busazi bwinshi nk'ubwo.

Abanyabwenge, abacunguwe by'ukuri, bizera ukugaruka kwa Yesu Kristo. Abari mu Itorero-Mugeni bose bafite uruhare mu murimo Imana irimo gukorera ubu ku isi yose. Itorero-Mugeni ryacunguwe na Kristo ku bw'amaraso Ye bwite kandi ryabatijwe n'Umwuka Wera; ubu ririmo <u>kozwa n'amazi y'Ijambo rigakurwaho umwanda wose w 'umubiri n'uw'umwuka, kandi rihagaze imbere y'Imana rizira umugayo</u>.

"*… kugira ngo mukomez'imitima yanyu izasangwe nta mugayo, ar'iyera imbere y'Imana Data, ubwo Umwami wacu Yesu Kristo azazira ari hamwe n'abera be bose*!" (1Abates.3:13).

Ku bw'ubuntu bw'imana, nakomeje kuba umwiringirwa ku muhamagaro no ku nshingano nahawe, kandi nshobora kuvuga hamwe na Pawuro nti: "*Ariko ku bwo gutabarwa kw'Imana, ndacyariho kugeza n'ubu, mpamiriza aboroheje n'abakomeye, nta na kimwe nteshukaho ku byo abahanuzi na Mose bavuze ko bigomba kuzaba*… " (Ibyak.26:22).

Ku bindeba jyewe, icya ngombwa kirut'ibindi ni isezerano nyamukuru ryahawe Itorero ry'ukuri, ari bwo Butumwa-Jambo bukibanziriza ukuza kwa kabiri kwa Kristo, kugira ngo ubuzima bwite bwa buri umwe mu bizera hamwe n'ubuzima bw'umwuka bw'Itorero, byose bigarurwe muri gahunda imbere y'Imana. Ubutumwa bwa nyuma mbere yo kugaruka kwa Kristo bujyana no kwizera no kumvira, hamwe no kwitandukanya no gutegurwa, kandi, nk'uko mwenedata Branham yakundaga kubivuga, hamwe n'urukundo rutunganye rwose no kwizera buri Jambo ry'Imana. Intego nyayo y'umurimo watanzwe n'Imana ni ukugarura imitima y'abana b'Imana ku kwizera kwa ba se ari bo ntumwa zo ku itangiriro, kugira ngo Umwami azasange Umugeni we yiteguye.

Icyo Umwami wacu yavuze mu Byakozwe n'Intumwa 1:5 biracyafite agaciro uyu munsi: "… *kuko Yohana yabatije n'amazi, ariko mwebwe ho, mu minsi mike, muzabatizwa n'Umwuka Wera*". Kimwe n'ibyo intumwa Petero yavuze ubwo Itorero ryo mu Isezerano rishya ryashingwaga (Ibyakozwe 2:38-41): kwihana, kwizera, kubatizwa mu mazi, no kubatizwa n'Umwuka Wera.

Kugira ngo Itorero rigarurirwe byuzuye, ibyo byose birakenewe mu buzima busanzwe no mu mwuka. Uwahindutse uwizera nyakuri yemera gahunda y'Imana atari mu by'umwuka gusa, ahubwo no mu buzima bwe bwite, mu buzima bw'abashakanye no mu muryango. Twizera kandi tukubaha buri Jambo ry'Imana, twemera ugukosorwa kwose kandi twemera kumvira kugira ngo ubuzima bwacu bushirwe ku murongo. "*K**uko ukora ubushake bwa Data uri mu ijuru, uwo ni we mwenedata, na mushiki wanjye, ni we mama***" (Mat.12:50). "*Ubwo bimeze bityo, mwiyambure imyanda yose n'ububi busaze, mwakirane ubugwaneza Ijambo ryatewe muri mwe ribasha gukiza ubugingo bwanyu*" (Yak.1:21). Abandi bose bo, bashobora gukora ibyo bishakiye, Umwami ni w'uzabacira urubakwiye ku munsi w'amateka.

Intore ni zo zibwirwa ngo: "*Nimunteranirizeho ubwoko bwanjye! Nshaka kubwumvisha amagambo yanjye*…" (Guteg.4:10; Zab. 50:5). Uw'Imana yumva amagambo y'Imana yonyine (Yoh.8:47). Ni yo mpamvu itegeko ryaduhawe ngo: "*Nimusohoke muve hagati yabo mwitandukanye, ni ko Umwami avuga, ntimugire igihumanye na kimwe mukoraho, nanjye nzabakira. Nzababera So, namwe muzambera abahungu n'abakobwa, ni ko Uwiteka Nyiringabo avuga*" (2Abakor.6:17-18).

Intumwa Pawuro araduhugura ati: "*Ariko ubwo uwabahamagaye ari Uwera, namwe mube abera mu byo mukora byose, nk'uko byanditswe ngo: muzab'abera kuko nanjye* nd'uwera" (1Petero 1:15-16).

"*kuko imbuto y'umucyo ari ingeso nziza zose no gukiranuka n'ukuri. Mushakishe ibyo Umwami ashima*.." (Abef.5:9-10).

"*Ariko rero imbuto y'Umwuka ni urukundo n'ibyishimo n'amahoro, no kwihangana no kugira neza, n'ingeso nziza no gukiranuka, no kugwa neza no kwirinda. Ibimeze bityo nta mategeko abihana*". (Abagal.5:22-23). "*Muzabamenyera ku mbuto zabo*" (Mat.7:16).

"*Nuko bakundwa, ubwo dufite amasezerano nk'ayo, twiyezeho imyanda yose y'umubiri n'umutima, dusozereze kwezwa kwacu mu kubaha Imana*" (2Abakor. 7:1).

"*Bagiye kuyagura, umukwe araza; abari biteguye binjirana na we mu nzu y'ubukwe, maze urugi rurakingwa*" (Mat.25:10).

"*Nuko rero dutinye, ubwo isezerano ryo kwinjira mu buruhukiro bwe rikiriho, ntihagire n'umwe muri mwe uzasa nk'uwaje impitagihe*" (Ababeb.4:1).

"*kuko imbaraga zayo z'ubumana zatugabiye ibintu byose bizana ubugingo no kwubaha Imana, tubuheshejwe no kumenya neza uwaduhamagarishije ubwiza bwe n'ingeso ze nziza; Ibyo ni byo byatumye aduha ibyo yasezeranije by'igiciro cyinshi, bikomeye cyane kugira ngo bibashoboze kugira kamere y'Imana, mumaze guhunga no gukira kwononekara kwazanywe mu isi no kwifuza…*" (2Pet.1:3-10).

"*Imana y'amahoro ibeze rwose, kandi mwebwe ubwanyu: umwuka wanyu, n'ubugingo n'umubiri byose birarindwe, bitazasangwaho umugayo igihe Umwami wacu Yesu Kristo azazira*" (1Abates.5:23).

Maranata. Ngwino Mwami Yesu !

Isabukuru y'imyaka 500 – Iherezo ry'ubugorozi

Umunsi wa 31/10/2017, uzizihizwa mu Budage bwose nk'umunsi mukuru udasanzwe: hazaba hashize imyaka 500 uhereye igihe Martin Luther yamanikaga ingingo 95 ku muryango w'urusengero rw'ahitwa Wittenberg, tariki 31/10/1517; ibyo akaba ari byo byatuwe ubugorozi buhabwa intera idasubirwaho. Ubu rero, amatorero yose ya gikirisitu ahuriye ku ihame ry'I Nikeya (ubutatu), arasubira mu itorero-nyina.

Iri buye ryakorogoshowe riri ku rusika rw'urusengero rwo mu murwa w'I Wittenberg, ryashyizweho mu myaka 200 mbere y'ubugorozi, ngo "rirerekana ingurube irimo konsa abayuda". Ibi byari bigamije muri ibyo bihe gutesha agaciro abayuda ku mugaragaro. Inama nyobozi y'umugi n'akanama k'iyo paruwase ya Guttenberg bafashe icyemezo cyo kutavanaho iryo buye ryitwa "Judensau" (bisobanura *ingurube*

y'abayuda), nk'uko byari byasabwe mu nyandiko yashyizweho umukono n'abantu benshi, kugira ngo rikomeze kuba urwibutso rw'ukuntu abayuda banzwe. Mur'ubwo buryo, abashyitsi n'abahagararirye ibihugu byabo bavuye ku isi yose bajye bashobora kwibonera ikimenyetso cy'ivangura ryakorewe abayuda.

Martin Luther yashoboye gutsindishirizwa ku bwo kwizera. Uwo mugorozi amaze gufatwa n'Umwuka w'Imana kandi yuzuye Ubuntu bwayo, yabwirije Ubutumwa bwiza. Yizeraga umurimo wo gucungura wakozwe binyuze mu rupfu rw'Umucunguzi ku musaraba. Ntabwo ar'ibyacu guca imanza ku bijyanye n'ibyo bavuga ko Martin Luther yaje kuvuga ku bayuda hanyuma, amaze gusaza kandi arwaye, nyuma yo guhemukirwa n'umuganga w'umuyuda. Nyamara, abanditsi b'amateka bakunze kwirengagiza no guceceka ko amagambo yavuze ku bayuda yayavanye mu myanzuro yafashwe n'igipadiri, cyane cyane mu nama yabo yabereye I Latrani mu mwaka w'1179.

Urwango rw'abayuda ni urwa cyera cyane. Igihe gito nyuma y'itangazo ry'Umwami Konsitantini ko igikirisitu ari ryo dini rya Reta mu bwami bw'abaroma bwose, mu mwaka wa 311, itotezwa ry'abayuda ryahereyeko ritangira. Kubera kubambwa kwa Kristo, bakundaga kubita "abicanyi bishe Kristo n'Imana".

Mu mwaka wa 321, abayuda babujijwe kwizihiza isabato, bahatirwa kuyisimbuza umunsi wo ku cyumweru. Ibyo byago bikir'aho, ni bwo habaye inama ya kiriziya I Nikeya, tariki 20/05/325. Konsitantini, wishakiraga ukuntu abatuye mu bwami bwe bose bagira ikibahuza, yahamagaje abahagararirye imyizerere yose yar'iriho kugira ngo bibumbire mu gikirisitu cya gaturika. Icyo gihe ni bwo abapagani bahagararirye kiriziya bagiye impaka ku ngingo zinyuranye za Bibiliya; amagambo yo mu Byanditswe Byera arakoreshwa ariko akoreshwa nabi: nemeye ya mbere y'ubutatu idafite aho ihuriye na Bibiliya iherako irandikwa, ivuga ko Imana igizwe n'abantu batatu bahozeho iteka ryose; ibyo biza kwemezwa mu mwaka wa 381 I Konsitantinopure; n'ubumana bw'Umwuka Wera butangazwa ko ar'uwa gatatu mu bagiz'ubumana.

Nemeye yo kwizera gushingiye kuri bibiliya nta handi tuyisanga uretse muri Bibiliya, kandi ibyanditse mu Byakozwe n'Intumwa mi byo byonyine bikomoka ku ntumwa; kandi ibyigishwa mu nzandiko z'intumwa, nibyo nyigisho y'intumwa. Kuba umwiringirwa kuri bibiliya ni ukwizera ibyanditswe muri Bibiliya gusa!

Itorero rya mbere ryagumye mu nyigisho n'imirimo y'intumwa: "*Bahoraga bashishikariye ibyo intumwa zigishaga, bagasangira ibyabo, no kumanyura umutsima no gusenga*" (Ibyak.2:42).

Itorero nyakuri rya Yesu Kristo riracyubakwa na n' ubu ku rufatiro rw'intumwa n'abahanuzi, Yesu Kristo akab'ari we buye rikomez'imfuruka (Abef.2:20).

Ubwuzuzanye butunganye rwose buri hagati y'Isezerano rishya n'irya Cyera buratangaje cyane. Uhereye ku murongo wa mbere wa Bibiliya, Imana/Elohim yigaragaza nk'Umuremyi. Ku itangiriro ry'igihe, We, Uwiteka, ubusanzwe ufite kamere y'Umwuka, yasohotse mu mwuzuro We w'Umwuka n'umucyo uhoraho, agaragara afite ishusho iboneka yitwa Uwiteka/Yehova. Ku bw'Ijambo Rye ry'imbaraga, yahamagariye kubaho ibyaremwe byose, ibigaragara n'ibitagaragara. Agendagenda mu ngobyi Y'Edeni, maze arema umuntu wa mbere mu ishusho Ye.

Mu Isezerano rya Cyera ryose, Uwiteka Imana yatangaje umugambi We w'agakiza abinyujije mu bahanuze Be, umugambi yagambiriye uhereye mu iteka ryose. Mu Isezerano Rishya, uhereye ku gice cya mbere ukageza ku cya nyuma, imirongo myinshi yerekana ugusohora kw'ubuhanuzi bwo mu Isezerano rya Cyera.

Ingingo nyamukuru mu Byanditswe Byera byose yahoze ari, kandi izaguma kuba iy'Ubumana. Uwiteka Imana yihishuye mu buryo bwinshi bunyuranye mu gihe cy'imyaka 4000 yose y'Isezerano rya cyera: nk'Umuremyi, Ubeshaho byose, Umwami, Umucamanza, n'ibindi, Ku bw'agakiza kacu, yihishuye mu Isezerano Rishya nka Data mu ijuru, mu Mwana We ku isi no mu Mwuka Wera mu Itorero. Mu Isezerano rya Cyera ryose kugeza ku muhanuzi Maraki wabayeho imyaka 400 mbere yo kuvuka kwa Kristo, nta muntu n'umwe wigeze avuga "Data uri mu ijuru", cyangwa se "Umwana mu ijuru", cyangwa iby'abantu batatu bahoraho iteka ryose, bahuje byose bagize ubutatu, nk'uko byarekanwa kur'iyi shusho.



Mu Isezerano rya Cyera, icyakunze kuvugwa cyane cyane, ni ukuza kwa Masiya nk'Umucunguzi. Hari ubuhanuzi burenga 100 buvuga iby'Umucunguzi wagombaga kuvuka nk'Umwana w'Imana abyawe n'umwali: "*Dore, umwali azasama, abyare umuhungu, azamwita Emanueli (Imana hamwe natwe)*" (Yes.7:14; Yes9:15; Mika 5:1…).

Mu Isezerano Rishya, tubwirwa iby'ivuka ry'Umwana w'umuhungu, ntacyo basize inyuma. Marayika Gaburiyeri yagiye kwa Mariya aramubwira ati: "*Witinya, Mariya we, kuko wagiriwe Ubuntu imbere y'Imana. Dore, uzasama, kandi uzabyara umwana w'umuhungu, uzamwite Yesu. Azaba ukomeye kandi azitwa Umwana w'Isumba-byose, kand'Uwiteka Imana azamuha intebe y'ubwami ya se Dawidi. Azima ku bo mu nzu ya Yakobo iteka ryose, kand'ubwami bwe ntibuzagira iherezo. Mariya abwira marayika ati:*

ibyo bizashoboka bite ko ntaz'iby'abagabo? Marayik'aramusubiza ati: Umwuka Wer'azakuzaho, kand'imbaraga z'Isumba Byose zizagutwikiriza igicucu Cye. Ni yo mpamvu umwana wera uzakuvukaho azitwa Umwana w'Imana" (Luk 1:30-35).

Uwiteka Imana yihishuriye ubwe Aburahamu (Itang.18), Mose (Kuva 4) n'abahanuzi bo mu Isezerano rya Cyera bose. Ariko, kugira ngo aducungure atuvane mu byaha, Umwami yagombaga kwigaragaza yambaye umubiri w'inyama. Uherey'akivuka: "…*n'uko uyu munsi, mu murwa wa Dawidi, Umucunguzi yabavukiye, ari we Kristo, Umwami*" (Luka 2:11). Uwo Mwana yiswe "Umwami" inshuro 300. Aracyari wa Mwami umwe (Abaheb.13:8), mu Isezerano rya Cyera n'Irishya. "… *Kandi nta muntu ushobora kuvuga ati: "Yesu n'Umwami!" atabivugishijwe n'Umwuka Wera*" (1Abakor.12:3b).

Nta murongo wa Bibiliya n'umwe uhamya ko Imana nka Data, yaba yarigeze kubya Umwana mu bihe by'iteka ryose. Icyo ba se ba kiriziya b'abapagani bemeje, cyane cyane mu nama zabereye I Nikeya n'i Konsitantinopure, icyo bise "Imyizerere y'Intumwa" ntaho gihuriye rwose na Bibiliya. Ntacyo bivuze n'ubwo byanditswe mu bitabo byabo, cyangwa muri gatigisimu, cyangwa mu itegeko nshinga rya kiriziya; mu gihe bitanditswe muri Bibiliya, ntabwo biba bikomoka muri Bibiliya!

Amatorero yose afite uburenganzira bwo kwishiriraho ibyo bifuza kwizera, kwigisha no gushyira mu mirimo. Ariko twebwe ho, dushaka kwizera rwose nk'uko Ibyanditswe Byera bivuga. Ibyavuzwe na Terituriye, Atanaziyo, Augusitini, Yoramu, Sitirido n'abandi, ni byo byabaye urufatiro rwa kiriziya ya Leta mu bwami bw'abaroma. Abizera ba Bibiliya bo, nta kindi bashobora kwizera keretse ibyo abagaragu b'Imana bahamirije babihawe n'Imana, ubwo Itorero ryo mu Isezerano Rishya ryashingwaga. Abashingira ku Befeso 4:5 "*Umwami umwe, ukwizera kumwe, umubatizo umwe*", bakagombye gusoma na none mu Byakozwe n'Intumwa uburyo umubatizo wakorwaga n'intumwa (Ibyakozwe 2:38; 8:16; 10:48; 19:5): nta narimwe byigeze biba mu butatu, igihe cyose byakorwaga mu Izina ry'Isezerano ryo mu Isezerano Rishya, iryo Imana yihishuriyemo nka Data mu Mwana kandi ku bw'Umwuka Wera, ni ukuvuga "mu Izina ry'Umwami Yesu Kristo". Muri Matayo 28:19, mu nyandiko z'umwimerere handitswe ngo: "…mubabatiza mu Izina…", ntabwo ari "mu mazina", cyangwa mu byubahiro bitatu. Intumwa Petero na Pawuro, kimwe na Filipo, basohoje neza rwose itegeko ry'umurimo bahawe.

Nta kintu gishobora kwongerwa ku byo intumwa Petero, Yohana, Yakobo na Pawuro bigishije, bakoze kandi banditse. Imyizerere nyayo y'intumwa nta handi yasangwa uretse muri Bibiliya. Isezerano Rishya na ryo, ni inyandiko yapfundikiwe, idashobora kugira ikindi yongerwaho changwa ihindurwaho. (Ibyah.22).

Dushobora guhamya rwose imbere y'Imana y'ukuri kandi Ishobora byose tuti: "*ntabwo twakurikiye imigani yahimbe n'ubwenge, ubwo twabamenyeshaga imbaraga z'Umwami wacu Yesu Kristo n'ibyo kuza kwe, ahubwo twiboneye n'amaso yacu icyubahiro cye gikomeye*" (2Pet.1:16).

Twagaruwe ku Ijambo ry'umwimerere, ryakomotse I Yerusalemu, kandi dushobora kugerwaho n'ibyo Imana ikora mur'iki gihe gikomeye cyane kuruta ibindi bihe byose byabayeho mu mateka y'agakiza. Ubutumwa bwa Bibiliya, ubwagombaga kugarura byose mu mwanya wabyo imbere y'Imana, bwamaze kugera ku mpera z'isi; imitima y'abana b'Imana mu isi yose yamaze kugarurwa ku kwizera nyakuri kwa ba se.

Umwam'Imana yashoje umurimo We wo kurema, kandi ni w'ubwe uzasoza umurimo We wo gucungura, asohoza rwose ibyo yasezeranije mu Ijambo Rye: "*Kuko Uwiteka azasohoza rwose kandi vuba ku isi ibyo yagambiriye*" (Abar.9:8).

"***Uko ni ko Ijambo ryanjye rimeze, iyo risohotse mu kanwa kanjye: ntabwo ringarukah'ubusa, ridakoze ubushake bwanjye kandi ridashohoje imigambi yanjye***" (Yes.55:11). Amina.

Ukor'akoreshwa n'Imana 

Niba mwifuza kwakira udutabo twacu mu ndimi z'igifaransa cyangwa icyongereza, mushobora kutwandikira ahakurikira: Mission Center Boîte Postale 100707 47707 Krefeld Allemagne

Mushobora gukurikira amateraniro yacu ya buri cyumweru cya mbere cy'ukwezi kuri murandasi. Ku wa gatandatu sa moya n'igice za nijori, naho ku cyumweru saa ine za mugitondo (amasaha yacu). Amateraniro akurikiranwa ku isi yose mu ndimi 12 zinyuranye.

Nimugire uruhare mu byo Imana irimo gukora ubu bijyanye n'umugambi Wayo w'agakiza ! ku rubuga rwa http://www.freie-volksmission.de/?lang=3&site=news.

E-mail: volksmission@gmx.de cyangwa ewald.frank@freie-volksmission.de ; Fax: 0049-2151/951293

****